NESA NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY

# ITANGAZO KU NGENDO Z'ITAHA RY'ABANYESHURI BIGA BACUMBIKIRWA (IGIHEMBWE CYA III, 2022)

Hashingiwe ku ngengabihe y'amasomo n'igihe cy'ibiruhuko by'abanyeshuri yatangajwe na Minisiteri y'Uburezi, Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA) kiramenyesha abayobozi b'amashuri , abarezi ndetse n'ababyeyi ko abanyeshuri biga bacumbikirwa bazatangira kujya mu biruhuko bisoza igihembwe cya gatatu guhera **ku wa 15/07/2022 kugeza ku wa 18/07/2022**. Gahunda y'ingendo kuri abo banyeshuri iteye ku buryo bukurikira:

**Ku wa gatanu, ku wa 15/07/2022, hazataha abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira :**

- Nyarugenge, Gasabo na Kicukiro mu **Mujyi wa Kigali**
- Huye, Nyaruguru, mu **Ntara y'Amajyepfo**
- Ngororero mu **Ntara y'Iburengerazuba**
- Musanze mu **Ntara** y'**Amajyaruguru**
- Rwamagana na Kayonza mu **Ntara y'Iburasirazuba**

**Ku wa gatandatu, 16/07/2022, hazataha abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira:**

- Muhanga na Gisagara mu **Ntara** y'**Amajyepfo**
- Burera mu **Ntara y'Amajyaruguru**
- Rubavu na Nyabihu mu **Ntara y'Iburengerazuba**
- Gatsibo na Nyagatare mu **Ntara y'Iburasirazuba**

**Ku cyumweru, 17/07/2022, hazataha abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira:**

- Nyamagabe na Ruhango mu **Ntara y'Amajyepfo**
- Rulindo na Gakenke mu **Ntara y'Amajyaruguru**
- Karongi na Rutsiro mu **Ntara y'Iburengerazuba**
- Bugesera mu **Ntara y'Iburasirazuba**

**Ku wa Mbere, 18/07/2022, hazataha abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira:**

- Kamonyi, Nyanza mu **Ntara y'Amajyepfo**
- Gicumbi mu **Ntara y'Amajyaruguru**
- Nyamasheke na Rusizi mu **Ntara y'Iburengerazuba**
- Ngoma na Kirehe mu **Ntara y'Iburasirazuba**

**ICYITONDERWA:**

Abayobozi b'ibigo by'amashuri barasabwa kubahiriza ingengabihe y'ingendo uko iteganyijwe, bashaka imodoka hakiri kare mbere y'uko itariki yo gutaha igera, kohereza abana hakiri kare kugira ngo bagere mu miryango yabo butarira kandi bambaye umwambaro w'ishuri;

- Ababyeyi basabwe guha abana babo amafaranga y'urugendo azabageza mu rugo;
- Abashinzwe uburezi mu Turere no mu Mirenge barasabwa gukurikirana igikorwa cyo gucyura abanyeshuri no gukurikirana ko abayobozi b'amashuri baguriye abana amatike y'urugendo ku gihe ;
- Abanyeshuri bose barasabwa gukomeza kubahiriza amabwiriza ajyanye no kwirinda icyorezo cya COVID-19 mu gihe cy' ingendo.
- Mu rwego rwo korohereza abanyeshuri mu ngendo, abanyeshuri bahagurukira i Kigali n'abandi banyura i Kigali berekeza mu zindi Ntara, bazafatira imodoka kuri stade ya Kigali/Nyamirambo zibajyana mu miryango yabo.

Bikorewe i Kigali, ku wa 21../06/ 2022

**BAHATI Bernard**
Umuyobozi Mukuru